REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°01/2018 : **Taliki ya 01–10 Mutarama 2018**

Ryoherejwe kuwa 12 Mutarama 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 1-10_Mutarama_2018; cyagaragaje imvura nk'iyari isanzwe iboneka kugeza ku gipimo cyo hejuru.
- Amashusho y'icyogajuru arerekana ubwiyongere ku bubobere bw'ubutaka kubera imvura yabonetse cyane muri iki gice cya mbere cya Mutarama_2018 kurusha uko yabonetse mu Kuboza_2017
- **11-20_Mutarama_2018;** hateganyijwe **imvura izaboneka isimburana n'iminsi y'izuba; iyo mvura ikazaba nke ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya mbere cya Mutarama_2018**

I. Iriburiro

Mu gice cya 1 cya Mutarama_2018; mu Rwanda habonetse imvura nyinshi kubera ubutsikamire bw'umwuka wo hejuru ya Madagasikari wabaye mucye bigatuma umwuka uhehereye uva mu biyaga bigari n'amashyamba manini aturiye u Rwanda; werekezayo ari nako urema ibicu bitanga imvura nyinshi kurenza iyari isanzwe igwa muri iyo minsi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Mutarama_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	1-10_Mutarama_2018	1-10_Mutarama
Kigali	35.5	27.8
Rusizi (Kamembe)	94.7	49.2
Rubavu (Gisenyi)	29.6	26.1
Nyamagabe (Gikongoro)	84.4	47.3
Ngoma (Kibungo)	66.9	30.6
Gicumbi (Byumba)	88.9	16.0
Bugarama	47.0	40.6
Musanze (Ruhengeri)	23.9	22.1
Gitega	44.4	11.3
Rubengera	8.6	15.8
Byimana	52.5	38.2
Kawangire	20.5	25.4

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10_Mutarama_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 21-31_Ukuboza_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Mutarama_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Mutarama



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-31_Ukuboza_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Ukuboza



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10_Mutarama_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Mutarama; cyagaragajeko habonetse imvura nyinshi kubera ubutsikamire bw'umwuka wo hejuru ya Madagasikari wabaye mucye bigatuma umwuka uhehereye uva mu biyaga bigari n'amashyamba manini aturiye u Rwanda; werekezayo ari nako urema ibicu bitanga imvura nyinshi kurenza iyari isanzwe igwa muri iyo minsireba (reba **Ikarita1&2** ndetse **n'Imbonerahamwe ya1**); Tubona imvura nke mu mataliki ya 21-31_Ukuboza_2017; kuko imvura y'Umuhindo yarimo icika mu gihugu hose (nkuko bigaragazwa n'**Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Ukuboza.2017 igice cya gatatu

Ikarita5: Mutarama.2018 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Ukuboza kugeza 10_Mutarama_2018; amashusho y'icyogajuru agaragaza ubwiyongere ku bubobere bw'ubutaka, bitewe n'ibihe by'imvura byabonetse muri iyi minsi 10 ya mbere y'ukwezi kwa Mutarama kurusha uko yabonetse mu Kuboza_2017 (reba **Ikarita 5&6**)

Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Mutarama_2018

Mu gice cya kabiri cya Mutarama_2018 hateganyijwe imvura izaboneka isimburana n'iminsi y'izuba; iyo mvura ikazaba nke ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya mbere cya Mutarama_2018; iyo mvura ikazaboneka cyane mu gice cy'amajyepfo y'igihugu (guhera mu Majyepfo y'Uburasirazuba kugeza mu Majyepfo y'Uburengerazuba)

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)